Ikirego ntigihagarika ishyirwa mu bikorwa ry'ibyagezweho. Umukandida wemejwe ko yatowe, aguma mu mirimo yatorewe kugeza igihe impaka zikemuriwe burundu.

<u>Ingingo ya 77</u>: Iburanisha n'ica ry'imanza ku mpaka zivuka mu bikorwa by'amatora

Urukiko ruburanisha ibirego bishingiye ku mpaka zivuka mu bikorwa by'amatora mu ruhame rushingiye ku nyandiko gusa, inteko yarwo igizwe n'abacamanza nibura batanu (5).

Iyo Urukiko rusanze ikirego rwaregewe gifite ishingiro, rushobora, bitewe n'imiterere y'ikibazo, kuvanaho icyemezo, itora ryanenzwe cyangwa guhindura ibyarivuyemo.

Iyo Urukiko rw'Ikirenga rubonye ko amakosa yaregewe ahindura ku buryo bugaragara

The right to petition the Supreme Court belongs to any citizen, any candidate, any political organization or the National Electoral Commission.

The petition is submitted within forty-eight (48) hours from the time the list of candidates or provisional election results are published and it is not subject to court fees.

Applicant must provide a copy of the complaint to the National Electoral Commission.

The complaint does not suspend the implementation of the outcome. The elected candidate remains in office until the resolution of the dispute.

<u>Article 77</u>: Hearing and decisions on a petition contesting elections

The hearing on petition contesting elections is conducted in public and is only based on written evidence. The bench is composed of at least five (5) judges.

When the court finds the petition founded, it may, depending on the circumstances of the case, decide to nullify the contested decision, election or change the results of the elections.

Where the Supreme Court finds that the grounds on which the petition was filed can

Le droit de saisir la Cour Suprême appartient à tout citoyen, à tout candidat, à toute formation politique ou à la Commission Nationale Électorale.

La demande se fait dans les quarante-huit (48) heures à compter du jour de la publication de la liste des candidats ou de la proclamation provisoire des résultats électoraux et ne fait pas l'objet de paiement de frais de justice.

Le demandeur doit réserver copie de la plainte à la Commission Nationale électorale.

La plainte ne suspend pas la mise en œuvre des résultats. Le candidat élu reste dans ses fonctions jusqu'à la résolution du litige.

<u>Article 77</u>: Audience et décisions sur la requête en contestation des élections

L'audience de la requête en contestation des élections est publique et il n'est admis que des preuves écrites. Le siège est composé d'au moins cinq (5) juges.

Lorsque la Cour constate la requête fondée, elle peut, selon le cas, annuler la décision attaquée ou l'élection contestée, ou alors réformer les résultats.

Lorsque la Cour Suprême constate que les erreurs faisant objet de la requête entrainent

ibyavuye mu matora, rufata icyemezo cyo gusesa ayo matora, rugatangaza ko haba andi matora mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) itora rya mbere ribaye.

Iyo Urukiko rw'Ikirenga rubonye ko amakosa yaregewe adakwiye gutuma amatora aseswa, rugaragaza ayo makosa agakosorwa.

Urukiko rw'Ikirenga rufite igihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi ntarengwa wo gutanga ikirego, kugira ngo rube rwafashe icyemezo.

Urukiko rw'Ikirenga rufata icyemezo kigaragaza impamvu zatumye gifatwa. Icyo cyemezo kimenyeshwa uwatanze ikirego, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora na Minisitiri ufite amatora mu nshingano ze.

Iyo Urukiko rw'Ikirenga rusanze ikirego kitujuje ibisabwa, rufata icyemezo cyo kutacyakira rusobanura impamvu rutacyakiriye.

Kutakirwa kw'ikirego byemeza ko ibyatangajwe by'agateganyo na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora biguma uko byatangajwe.

result into changing the elections results in substantive way, it decides the cancellation of such elections and declares that new elections be organized within ninety (90) days from the date of on which the cancelled elections were held.

When the Supreme Court finds that the grounds on which the petition was filed may not cause the cancellation of the elections, it shows the errors for correction.

The Supreme Court has a period of fifteen (15) days from the last day of appeal, to take a decision.

The decision of the Supreme Court states clearly the reasons for the decision. The decision is notified to the applicant, the President of the National Electoral Commission and the Minister in charge of elections.

When the Supreme Court finds that the petition does not meet the requirements, it declares it inadmissible and mentions the reasons for inadmissibility.

The inadmissibility of the petition confirms the provisional results provided by the National Electoral Commission.

sensiblement des changements de résultats des élections, elle rend l'arrêt annulant ces élections et déclare que les nouvelles élections se tiennent endéans quatre-vingt-dix (90) jours à compter du jour de la tenue des élections annulées.

Lorsque la Cour Suprême constate que les erreurs faisant objet de la requête ne peuvent pas entrainer l'annulation des élections, elle met en évidence ces fautes pour qu'elles soient corrigées.

La Cour Suprême dispose d'un délai de quinze (15) jours à partir du dernier jour de recours, pour prendre une décision.

La décision de la Cour Suprême doit clairement indiquer les motifs de la décision. La décision est notifiée au demandeur, au Président de la Commission Électorale Nationale ainsi qu'au Ministre ayant les élections dans ses attributions.

Lorsque la Cour Suprême constate que la demande ne remplit pas les conditions préalables, elle la déclare irrecevable et mentionne les raisons de l'irrecevabilité.

L'irrecevabilité de la demande confirme les résultats provisoires fournis par la Commission Électorale Nationale.

D. Kuburanisha impaka zishingiye ku cyemezo cyo kwirukana Umudepite cyangwa Umusenateri

Ingingo ya 78: Itangwa ry'ikirego n'icyemezo cy'urukiko ku iyirukanwa ry'Umudepite cyangwa Umusenateri

Umudepite cyangwa Umusenateri utishimiye icyemezo cyo kwirukanwa mu Mutwe w'Abadepite, mu Mutwe wa Politiki cyangwa muri Sena ashobora kuregera icyo cyemezo Urukiko rw'Ikirenga asaba ko gikurwaho mu nyandiko mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi ibarwa kuva umunsi urega yamenyesherejweho icyo cyemezo.

Ikirego gisuzumirwa mu ruhame kandi Urukiko rusuzuma gusa inyandiko z'ababuranyi.

Ikirego kiburanishwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa kuva ku munsi cyakiriweho.

Inteko y'Urukiko iburanisha urubanza igizwe nibura n'abacamanza batanu (5).

Iyo Urukiko rusanze uwareze afite ukuri, ruvanaho icyemezo cyo kumwirukana cyamufatiwe, agasubizwa uburenganzira bwe.

Iyo Urukiko rusanze ikirego nta shingiro gifite, icyemezo kigumana agaciro kacyo.

D. Resolving disputes relating to a decision of expelling a Deputy or a Senator

Article 78: Filing of the petition and decision of the court to expel a Deputy or a Senator

A Deputy or Senator who is not satisfied with the decision to expel him/her from the Chamber of Deputies, political organization or from the Senate may file a petition before the Supreme Court in writing within five (5) working days from the date on which such a decision was announced to him/her.

The petition is examined in public and the court takes into consideration only the documents of the parties.

The petition is examined within a period of fifteen (15) days from the date of its receipt.

The bench is composed of at least five (5) judges.

When the court finds the applicant's argument founded, it cancels the decision for expulsion and the applicant is reinstated in his/her rights.

When the court finds unfounded the applicant's argument, the decision for expulsion remains valid.

D. Statuer sur les contentieux en rapport avec la décision d'exclusion d'un Député ou d'un Sénateur

Article 78: Dépôt de la requête et décision de la cour pour l'exclusion d'un Député ou d'un Sénateur

Tout Député ou Sénateur qui n'est pas satisfait de la décision de son exclusion de la Chambre des Députés, d'une organisation politique ou du Sénat peut déposer une requête en annulation devant la Cour Suprême par écrit dans un délai de cinq (5) jours ouvrables à compter du jour où la décision d'exclusion lui a été signifiée.

La requête est examinée en audience publique et la cour statue seulement sur pièces.

La requête est examinée dans un délai de quinze (15) jours à partir du jour de sa réception.

Le siège est composé d'au moins cinq (5) juges.

Lorsque la cour trouve l'argument du demandeur fondé, elle annule la décision d'exclusion et le demandeur est réintégré dans ses droits.

Lorsque la cour trouve non fondée l'argument du demandeur, la décision d'exclusion reste valide.

E. Gukemura impaka zishingiye ku myumvire y'amategeko cyangwa umuco gakondo

<u>Ingingo ya 79</u>: Itangwa ry'ikirego n'icyemezo cy'urukiko ku mpaka zishingiye ku myumvire y'amategeko cyangwa umuco gakondo

Umuntu ku giti cye cyangwa urwego rwa Leta, Umutwe wa Politiki, isosiyete y'ubucuruzi, umuryango utari uwa Leta n'ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi bishobora gutanga ikirego gisaba ibisobanuro mpamo ku myumvire y'ingingo z'amategeko cyangwa umuco gakondo abantu batemeranywaho hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

Urega agomba kugaragaza mu mwanzuro we inyungu zihariye cyangwa inyungu rusange zemewe aharanira n'aho impaka zishingiye. Agomba gushyira ku mugereka w'ikirego cye kopi y'itegeko ririmo ingingo anenga cyangwa ikimenyetso kigaragaza ko umuco anenga ubaho iyo ikiregerwa ari umuco gakondo utanditse.

Usaba isobanurampamo abigaragaza mu mwanzuro usobanura ikibazo kiri mu itegeko ashaka ko gisobanurwa, uburyo abona rikwiye kumvikana n'impamvu.

Ikirego gitangwa mu nzira z'ibirego zisanzwe.

E. Resolving disputes based on the interpretation of laws or the traditional custom

<u>Article 79</u>: Filing of the petition and decision of the court relating to disputes based on the interpretation of laws or the traditional custom

A natural or legal person, a government institution, a political organization, a company, a non-governmental organization or association with legal personality may bring an action seeking the interpretation of legal provisions or traditional customs subject to divergence in accordance with the Constitution of the Republic of Rwanda.

The applicant must demonstrate in his/her submissions a private or public legitimate interest pursued, the subject of the dispute. He/she must annex to the submission, the copy of the law or the signs and symbols of challenged custom.

The applicant submits his/her submissions indicating the issue arising in the law and in respect of which he/she seeks interpretation, how the interpretation, in his/her opinion, should be made and the reasons.

The action is introduced to the court by usual way.

E. Statuer sur les contentieux en rapport avec l'interprétation des lois ou avec la coutume traditionnelle

<u>Article 79</u>: Dépôt de la requête et décision de la cour relatives aux contentieux en rapport avec l'interprétation des lois ou avec la coutume traditionnelle

Une personne physique ou morale, une institution de l'État, une formation politique, une société commerciale, une organisation non gouvernementale ou association ayant une personnalité juridique peut introduire une action demandant l'interprétation des dispositions légales ou de la coutume traditionnelle faisant l'objet de divergence conformément à la Constitution de la République du Rwanda.

Le demandeur doit démontrer dans sa conclusion l'intérêt privé ou public légitime poursuivi, l'objet de la contestation. Il doit mettre à l'annexe de sa conclusion, la copie de la loi ou des signes et symboles de la coutume contestée.

Le demandeur soumet sa conclusion démontrant la controverse découlant de la loi et pour laquelle il demande l'interprétation, la façon dont l'interprétation devrait être faite à son avis et ses raisons;

L'action est introduite à la juridiction par voie habituelle.

Iburanisha rikorwa mu ruhame hari n'uhagarariye Leta. Urukiko rushobora kandi gutumizamo impuguke zinyuranye n'undi ubisabye nk'inshuti y'urukiko kugira ngo basobanure ireme ry'ibivugwa.

Inteko y'Urukiko iburanisha urubanza igizwe nibura n'abacamanza batanu (5).

F. Gukemura impaka zishingiye ku kubungabunga uburenganzira bureba inyungu rusange

Ingingo ya 80: Itangwa ry'ikirego n'icyemezo cy'Urukiko ku mpaka zishingiye ku burenganzira bw'inyungu rusange

Umuntu ku giti cye cyangwa urwego rwa Leta, Umutwe wa Politiki, isosiyete y'ubucuruzi, umuryango utegamiye kuri Leta n'ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi ashobora gutanga ikirego gisaba kubungabunga cyangwa gukuraho imbogamizi zibangamiye inyungu rusange z'igihugu, umutungo kamere wacyo, abagituye cyangwa igice cyabo.

Urega agomba kugaragaza mu mwanzuro we inyungu rusange zemewe aharanira, aho akomora mu mategeko ishingiro ry'uburenganzira aharanira. Agomba gushyira ku mugereka w'imyanzuro inyigo yakozwe n'abahanga igaragaza uburemere bw'ikibazo avuga, uburyo yagerageje kugikemura yifashishije inzego za Leta bikananirana n'ingaruka kutacyitaho byagira.

The hearing takes place in public and in the presence of a government representative. The Court may call on experts on the subject or to others *Amicus Curiae* in the hearing.

The bench is composed of at least five (5) judges.

F. Resolving disputes based on the preservation of rights relating to general interest

Article 80: Filing of the petition and decision of the court in connection with the rights relating to the general interest

A natural person or a government institution, a political organization, a company, a non-governmental organization or association with legal personality may bring action for preservation or deprivation of rights relating to the general interest of the country, its natural resources, its entire or part of the population.

The applicant must demonstrate in his/her submission the public legitimate interest pursued, the legal basis for its action. He/she must annex to his/her submissions a study report made by experts demonstrating the seriousness of the issue, its resolution attempts in cooperation with the institutions of the State that failed and the eventual consequences of the non-resolution.

L'audience se déroule en public et en présence d'un représentant du gouvernement. La Cour peut faire appel à des experts en la matière ou à d'autres personnes *Amicus Curiae* dans l'audience.

Le siège est composé d'au moins cinq (5) juges.

F. Statuer sur les contentieux en rapport avec la préservation des droits relatifs à l'intérêt général

Article 80: Dépôt de la requête et décision de la cour en rapport avec les droits relatifs à l'intérêt général

Une personne physique ou une institution de l'État, une formation politique, une société commerciale, une organisation non gouvernementale ou association ayant une personnalité juridique peut introduire une requête demandant la préservation ou déchéances des droits relatifs à l'intérêt général du pays, ses ressources naturelles, sa population entière ou en partie.

Le demandeur doit démontrer dans sa conclusion l'intérêt public légitime poursuivi, la base légale de son action. Il doit annexer à ses conclusions un rapport d'étude faite par des experts démontrant la gravité de l'affaire, ses tentatives de résolution en collaboration avec les institutions de l'État qui ont échoué et les conséquences éventuelles de la non-résolution.

Ikirego gitangwa mu nzira z'ibirego zisanzwe.

Iburanisha rikorwa mu ruhame hari n'uhagarariye Leta. Urukiko rushobora kandi gutumizamo impuguke zinyuranye n'undi ubisabye nk'inshuti y'urukiko kugira ngo basobanure ireme ry'ibivugwa.

Inteko y'Urukiko iburanisha urubanza igizwe nibura n'abacamanza batanu (5).

UMUTWE WA II: UBUBASHA BW'INKIKO ZIHARIYE

Icyiciro cya mbere: Ububasha bw'Inkiko z'Ubucuruzi

Ingingo ya 81: Ububasha bw'Urukiko rw'Ubucuruzi

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 27, agace ka 4º, Urukiko rw'Ubucuruzi ruburanisha mu rwego rwa mbere imanza zose z'ubucuruzi, iz'imari, iz'imisoro n'ibindi bibazo bifitanye isano nabyo byerekeye:

1° impaka zivutse ku masezerano cyangwa ku bikorwa by'ubucuruzi hagati y'abantu cyangwa ibigo by'ubucuruzi;

2° impaka ziturutse ku ikoreshwa ry'inyandiko mvunjwafaranga;

The action is introduced by usual ways.

The hearing is conducted in public and in the presence of a government representative. The Court may, upon request, call on experts on the subject matter or to other *Amicus curiae* in the hearing to clarify the dispute.

The bench is composed of at least five (5) judges.

CHAPTER II: JURISDICTION OF SPECIALISED COURTS

Section One: Jurisdiction of commercial courts

Article 81: Jurisdiction of the Commercial Court

Subject to the provisions of Article 27, item 4º, the Commercial Court hears in the first instance, all commercial, financial and fiscal cases and other related matters in connection with:

1° disputes arising from commercial contracts or commercial activities between individuals or business entities;

2° disputes arising from the use of negotiable instruments;

La requête est introduite par voie ordinaire.

L'audience se fait en public et en présence d'un représentant du gouvernement. La Cour peut, sur demande, faire appel à des experts en la matière ou à d'autres personnes *Amicus curiae* dans l'audience pour expliquer le bien fondé du litige.

Le siège est composé d'au moins cinq (5) juges.

CHAPITRE II: COMPÉTENCE DES JURIDICTIONS SPÉCIALISÉES

Section première: Compétence des juridictions de commerce

Article 81: Compétence du Tribunal de commerce

Sous réserve des dispositions de l'article 27, point 4º, le Tribunal de Commerce connaît au premier degré de toutes les affaires commerciales, financières, fiscales et autres matières connexes en rapport avec:

1° les contentieux nés des contrats commerciaux ou des activités commerciales entre personnes physiques ou sociétés commerciales;

2° les contentieux nés de l'utilisation des titres négociables;

3° impaka ziturutse ku masezerano abantu bagirana n'ibigo by'imari;

4° impaka zerekeye irangizamutungo, gusesa no kuvugurura ibigo by'ubucuruzi biri mu nzira y'igihombo;

5° impaka zerekeye ubwishingizi havanywemo izerekeye indishyi z'impanuka zisabwa amasosiyete y'ubwishingizi n'abadafitanye amasezerano na yo;

6° impaka ku birebana n'imisoro n'amahoro;

7° impaka ku birebana n'ubwikorezi bw'abantu n'ibintu;

8° impaka zose zishobora kuvuka hagati y'abantu bagize cyangwa bashinzwe sosiyete zanditse n'ibindi bigo by'ubucuruzi ari bo:

a) abagize Inama y'Ubuyobozi ;

b) abayobozi ;

c) abagenzuzi ;

d) abashinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo w'isosiyete yasheshwe;

e) abashinzwe gucunga umutungo

3° disputes arising from contracts between individuals and financial institutions;

4° disputes related to liquidation, dissolution and recovery of business firms facing bankruptcy;

5° disputes related to insurance with the exception of those related to accident compensation claimed from insurance companies by those who have no contract with such companies;

6° disputes related to taxes and duties;

7° disputes related to the transportation of persons and goods;

8° any dispute that may arise between persons who own or manage registered entities and other business companies namely:

a) members of the Board of Directors;

b) directors;

c) auditors;

d) liquidators of a dissolved company;

e) administrators of the property of

3° contentieux nés des contrats entre les personnes physiques et les institutions financières;

4° les contentieux liés à la liquidation, à la dissolution et au redressement des entreprises commerciales en difficultés;

5° les contentieux liés à l'assurance, à l'exception de ceux liés aux indemnités d'accident exigées des sociétés d'assurance par les personnes n'ayant pas conclu de contrats d'assurance avec ces sociétés;

6° les contentieux relatifs aux taxes et aux impôts;

7° les contentieux relatifs au transport des personnes et des biens;

8° tout contentieux pouvant naître entre les membres ou responsables des sociétés enregistrées et d'autres sociétés commerciales, à savoir:

a) les membres du Conseil d'Administration;

b) les directeurs;

c) les auditeurs;

d) les liquidateurs d'une société commerciale dissoute;

e) les administrateurs d'une société

w'ikigo cy'ubucuruzi cyahombye;

9° imanza ziturutse ku gihombo cy'ubucuruzi;

10° impaka ziturutse ku mutungo bwite mu by'ubwenge, harimo ibirango n'amazina y'ubucuruzi;

11° impaka ziturutse ku iyandikwa n'ihanagurwa ry'abacuruzi mu bitabo by'ubucuruzi;

12° impaka zerekeye ishyirwaho cyangwa ivanwaho ry'abagenzuzi bashinzwe kubarura umutungo w'amasosiyete;

13° impaka zerekeye ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi;

14° ibibazo by'ubucuruzi bivuka mu makoperative;

15° impaka zose zivutse mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'ubutegetsi hagati y'inzego za Leta n'abikorera yerekeye ubucuruzi n'imari;

16° imanza zerekeye amasoko ya Leta.

Urukiko rw'Ubucuruzi ruburanisha kandi ku rwego rwa mbere imanza z'amahoro zivugwa mu Itegeko ry'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za gasutamo.

an bankrupt firm;

9° cases related to bankruptcy;

10° disputes related to intellectual property, including trade marks and names;

11° disputes related to registration and deregistration of business people from commercial registers;

12° disputes related to the appointment or dismissal of auditors of firms;

13° disputes related to business competition and consumer protection;

14° business-related issues arising in cooperative organisations;

15° any dispute arising in the preparation and execution of administrative contracts between public organs and the private sector on business and financial affairs;

16° cases related to public tenders.

The Commercial Court also hears at the first instance tax cases referred to under the East African Community Customs Management Act.

commerciale en faillite;

9° les litiges relatifs à la faillite;

10° les contentieux relatifs à la propriété intellectuelle, y compris les marques et noms de commerce;

11° les contentieux relatifs à l'enregistrement des commerçants et de leur radiation aux registres de commerce;

12° les contentieux relatifs à la nomination ou à la révocation des auditeurs des sociétés;

13° les contentieux relatifs à la concurrence commerciale et à la protection des consommateurs;

14° les questions à caractère commercial survenant au sein des coopératives;

15° tout contentieux né de la préparation et de l'exécution des contrats administratifs à caractère commercial et financier conclus entre les organes de l'État et le secteur privé;

16° les affaires relatives aux marchés publics.

Le Tribunal de commerce connaît également au premier degré des affaires fiscales visées à la loi sur la gestion de l'union douanière de la Communauté d'Afrique de l'Est.

Ingingo ya 82: Ububasha bw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi

Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ruburanisha ku rwego rwa mbere ibirego bisaba kurangiriza mu Rwanda ibyemezo n'imanza z'ubucuruzi, iz'imari, iz'imisoro n'amahoro byafashwe n'inkiko zo mu mahanga.

Isuzumwa ry'ibyo birego rikorwa harebwa ibi bikurikira:

1° ko urubanza rwaciriwe mu mahanga rutanyuranyije n'amategeko rusange ndemyagihugu n'amahame ashingiweho n'amategeko y'u Rwanda;

2° ko rwaciwe burundu hakurikijwe amategeko y'igihugu rwaciriwemo;

3° ko kopi yarwo yujuje ibyangombwa byose byemeza ko ari impamo, hakurikijwe amategeko y'Igihugu urubanza rwaciriwemo;

4° ko uburenganzira bwo kwiregura bwubahirijwe.

Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rufite kandi ububasha bwo kuburanisha ibirego bisaba kurangiriza mu Rwanda inyandikompamo zifite ikigaragaza ko zanditswe n'abategetsi bo mu mahanga, iyo zujuje ibyangombwa bikurikira:

Article 82: Jurisdiction of the Commercial High Court

The Commercial High Court hears at first instance, applications seeking execution in Rwanda of decisions and judgements rendered by foreign courts on commercial, financial and fiscal cases.

The examination of such applications is conducted in consideration of:

1° whether the foreign judgment does not contradict public order and legal principles of Rwandan laws;

2° whether the case was finally heard and determined in accordance with the laws of the country in which the judgment was rendered;

3° whether the copy of the judgment is by all means authentic in accordance with laws of the Country in which the judgment was rendered;

4° whether the right of defence was respected.

The Commercial High Court has also jurisdiction to hear petitions seeking execution in Rwanda of authentic deeds which have proof that they were written by foreign authorities if they have the following evidence:

Article 82: Compétence de la Haute Cour de commerce

La Haute Cour de commerce connaît au premier degré des requêtes demandant l'exécution au Rwanda des décisions et jugements à caractère commercial, financier et fiscal rendus par les juridictions étrangères.

L'examen de ces requêtes porte sur ce qui suit:

1° que la décision ne contienne rien de contraire à l'ordre public et aux principes du droit rwandais;

2° que d'après la loi du pays où la décision a été rendue, elle soit coulée en force de chose jugée;

3° que d'après la loi du pays où la décision a été rendue, l'expédition qui en est produite réunisse les conditions nécessaires à son authenticité;

4° que le droit de la défense ait été respecté.

La Haute Cour de commerce est aussi compétente de connaitre des requêtes demandant l'exécution au Rwanda des actes authentiques en forme exécutoire qui ont été dressés par les autorités étrangères si les conditions suivantes sont réunies:

a) iyo impamvu bazisabira irangizwa ntaho zinyuranyije n'amategeko rusange ndemyagihugu, kimwe n'amahame ashingiweho n'amategeko y'u Rwanda;

b) iyo hakurikijwe amategeko y'Igihugu zandikiwemo, zujuje ibyangombwa byose bigaragaza ko ari imvaho.

Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ruburanisha kandi imanza zigamije gusuzuma niba ibyemezo byafashwe n'abakemurampaka byubahirije amategeko.

Imanza ziciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku byemezo byavuzwe mu gika cya 4 cy'iyi ngingo ntizijuririrwa.

Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ruburanisha mu rwego rw'Ubujurire imanza zaciwe mu rwego rwa mbere n'Inkiko z'Ubucuruzi.

Icyiciro cya 2:Inkiko za gisirikare

Ingingo ya 83: Ububasha bw'Urukiko rwa Gisirikare

Urukiko rwa Gisirikare ruburanisha, mu rwego rwa mbere, imanza z'ibyaha byose byakorewe ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda no hanze yarwo, bikozwe n'abasirikare, ibyitso byabo n'abo bafatanyije hatitawe ku mapeti yabo, uretse igihe babikoranye n'abana n'abantu baburanishwa mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma

a) if the reasons for seeking the execution of the authentic deeds are not contrary to public order and legal principles of Rwandan laws;

b) if according to laws of the country in which they were written, they have all necessary evidence to prove their authenticity.

The Commercial High Court also examines the legality of awards rendered by the arbitrators.

Judgments rendered by the Commercial High Court on the actions mentioned in Paragraph 4 of this Article are not subject to appeal.

The Commercial High Court hears on the appeal level judgments rendered at first instance by commercial courts.

Section 2: Military courts

Article 83: Jurisdiction of the Military Court

The Military Court has jurisdiction at the first instance over all offences committed on the territory of the Republic of Rwanda and abroad by soldiers irrespective of their ranks, their co-perpetrators and accomplices unless such offences were committed with children and persons tried in the Supreme Court at first and last instance.

a) que les motifs d'exécution des actes authentiques n'aient rien de contraire à l'ordre public ni aux principes du droit rwandais;

b) que d'après la loi du pays où ils ont été passés, ils réunissent les conditions nécessaires à leur authenticité.

La Haute Cour de Commerce examine aussi la légalité des sentences rendues par les arbitres.

Les jugements rendus par la Haute Cour de commerce sur les actions mentionnées dans l'alinéa 4 du présent article ne font pas l'objet d'appel.

La Haute Cour de commerce connait des recours des jugements rendus au premier degré par les tribunaux de commerce.

Section 2: Juridictions militaires

Article 83: Compétence du Tribunal militaire

Le Tribunal militaire connaît, au premier degré, de toutes les infractions commises sur le territoire de la République du Rwanda et à l'étranger par les militaires quel que soit leur grade, leurs co-auteurs et complices sauf s'ils ont commis de telles infractions avec les enfants et les personnes jugées par la Cour Suprême au premier et dernier degré.

n'Urukiko rw'Ikirenga.

Urukiko rwa Gisirikare ruburanisha kandi abari abasirikare n'abajandarume bakurikiranyweho kuba barakoze ibyaha bya jenoside yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe mu Rwanda hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994.

The Military Court also tries former soldiers and former gendarmes who are prosecuted for having committed the crimes of genocide against the Tutsi and other crimes against humanity that were committed in Rwanda between October 1, 1990 and December 31, 1994 .

Le Tribunal militaire juge également les anciens militaires et les anciens gendarmes poursuivis pour avoir commis des crimes de génocide perpétrés contre les Tutsi et autres crimes contre l'humanité commis au Rwanda entre le 1er octobre 1990 et le 31 décembre 1994.

Ingingo ya 84: Ububasha bw'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare

Urukiko Rukuru rwa Gisirikare ruburanisha ku rwego rwa mbere ibyaha bihungabanya umutekano wa Leta byakorewe ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda no hanze yarwo, bikozwe n'abasirikare rutitaye ku mapeti yabo, ibyitso byabo n'abo bafatanyije.

Urukiko Rukuru rwa Gisirikare ruburanisha ku rwego rw'ubujurire imanza zose zaciwe n'Urukiko rwa Gisirikare.

Urukiko Rukuru rwa Gisirikare ruburanisha kandi ibirego by'ihanagurabusembwa ku bantu baburanishijwe n'inkiko za gisirikare.

Article 84: Jurisdiction of the Military High Court

The Military High Court tries, at first instance, all offences which constitute a threat to national security committed on the territory of the Republic of Rwanda and beyond by soldiers irrespective of their ranks, their co-perpetrators and accomplices.

The Military High Court hears at appeal level all cases tried by the Military Court.

The Military High Court also tries cases of rehabilitation of persons tried by military courts.

Article 84: Compétence de la Haute Cour militaire

La Haute Cour militaire connaît au premier degré des infractions d'atteinte à la sureté de l'État commises sur le territoire de la République du Rwanda et à l'étranger par les militaires quel que soit leur grade ainsi que leurs co-auteurs et complices.

La Haute Cour militaire connaît de l'appel des jugements rendus par le Tribunal militaire.

La Haute Cour militaire connaît également des demandes de réhabilitation des personnes condamnées par les juridictions militaires.

Ingingo ya 85: Ibirego by'indishyi biburanishwa n'inkiko za gisirikare

Ikirego cy'indishyi zikomoka ku byangijwe n'icyaha kiburanishwa n'inkiko za gisirikare gishobora gukurikiranwa hamwe n'ikirego cy'ikurikiranacyaha mu nkiko za gisirikare cyangwa gukurikiranwa bitandukanye mu

Article 85: Applications for damages heard by military courts

Application for damages arising from a criminal offence to be tried by the military courts may be filed together with the criminal case in military courts or may be filed separately in a civil court with competent

Article 85: Actions en réclamations des dommages portées devant les juridictions militaires

L'action en réclamation des dommages causés par une infraction de la compétence des juridictions militaires peut être intentée soit en même temps que l'action publique devant les juridictions militaires, soit séparément

nkiko ziburanisha imanza mbonezamubano.

INTERURO YA IV: UBUBASHA BUSHINGIYE KU IFASI BWA BURI RUKIKO

UMUTWE WA MBERE: UBUBASHA BW'INKIKO ZISANZWE

Icyiciro cya mbere: Inkiko z'Ibanze

Ingingo ya 86: Umubare, inyito, ifasi n'ibyicaro by'inkiko z'Ibanze

Umubare w'Inkiko z'Ibanze, inyito n'ifasi byazo biri ku mugereka wa I w'iri tegeko.

Icyicaro cya buri Rukiko rw'Ibanze kigenwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza imaze kugisha inama Umuyobozi w'Akarere bireba.

Icyiciro cya 2: Inkiko Zisumbuye

Ingingo ya 87: Umubare, inyito, ifasi n'ibyicaro by'Inkiko Zisumbuye

Umubare w'Inkiko Zisumbuye, inyito n'ifasi byazo biri ku mugereka wa II w'iri tegeko.

Icyicaro cya buri Rukiko Rwisumbuye kigenwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza imanze kugisha inama Umuyobozi w'Akarere

jurisdiction.

TITLE IV: TERRITORIAL JURISDICTION OF EACH COURT

CHAPTER ONE: JURISDICTION OF ORDINARY COURTS

Section One: Primary Courts

Article 86: Number, denominations, territorial jurisdiction and seats of Primary Courts

The number of Primary Courts, their denominations and their territorial jurisdiction are in Annex I of this Law.

The seat of each Primary Court is determined by the High Council of the Judiciary after consultation with the Mayor of the concerned District.

Section 2: Intermediate Courts

Article 87: Number, denominations, territorial jurisdiction and seats of Intermediate Courts

The number of Intermediate Courts, their denominations and their territorial jurisdiction are in Annex II of this Law.

The seat of each Intermediate Court is determined by the High Council of the Judiciary after consultation with the Mayor of

devant les juridictions civiles compétentes.

TITRE IV: COMPÉTENCE TERRITORIALE DE CHAQUE JURIDICTION

CHAPITRE PREMIER: COMPÉTENCE DES JURIDICTIONS ORDINAIRES

Section première: Tribunaux de Base

Article 86: Nombre, dénominations, ressort et sièges des Tribunaux de Base

Le nombre des Tribunaux de Base, leur dénomination et leur ressort sont en annexe I de la présente loi.

Le siège de chaque Tribunal de Base est fixé par le Conseil Supérieur de la Magistrature après concertation avec le Maire du District concerné.

Section 2: Tribunaux de Grande Instance

Article 87: Nombre, dénominations, ressort et sièges des Tribunaux de Grande Instance

Le nombre des Tribunaux de Grande Instance, leur dénomination et leur ressort sont en annexe II de la présente loi.

Le siège de chaque Tribunal de Grande Instance est fixé par le Conseil Supérieur de la Magistrature après concertation avec le

bireba.

Icyiciro cya 3: Urukiko Rukuru

Ingingo ya 88: Icyicaro, ifasi n'ingereko by'Urukiko Rukuru

Urukiko Rukuru rufite icyicaro cyarwo mu Mujyi wa Kigali. Ifasi yarwo ni Igihugu cyose.

Urukiko Rukuru rufite kandi ingereko eshanu (5):

1° Urugereko rwa Musanze rufite icyicaro i Musanze;

2° Urugereko rwa Nyanza rufite icyicaro i Nyanza;

3° Urugereko rwa Rwamagana rufite icyicaro i Rwamagana;

4° Urugereko rwa Rusizi rufite icyicaro i Rusizi;

5° Urugereko ruburanisha ibyaha byo ku rwego mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi rufite icyicaro i Nyanza.

Ingingo ya 89: Ifasi y'Urukiko Rukuru n'iy' ingereko zarwo

Ifasi y'Urukiko Rukuru ku cyicaro cyarwo ingana n'ifasi y'Urukiko Rwisumbuye rwa

the concerned District.

Section 3: High Court

Article 88: Seat, territorial jurisdiction and chambers of the High Court

The High Court has its seat in the City of Kigali. Its territorial jurisdiction covers the entire national territory.

The High Court has also five (5) chambers:

1° the Chamber in Musanze which has its seat at Musanze;

2° the Chamber in Nyanza which has its seat at Nyanza;

3° the Chamber in Rwamagana which has its seat at Rwamagana;

4° the Chamber in Rusizi which has its seat at Rusizi;

5° the Chamber which has jurisdiction over international and transnational crimes which has its seat at Nyanza.

Article 89: Territorial jurisdiction of the High Court and of its chambers

The territorial jurisdiction of the seat of the High Court covers the jurisdictions of the

Maire du District concerné.

Section 3: Haute Cour

Article 88: Siège, ressort et chambres détachées de la Haute Cour

Le siège de la Haute Cour est établi dans la Ville de Kigali. Son ressort correspond à toute l'étendue du territoire national.

La Haute Cour a aussi cinq (5) chambres détachées:

1° la chambre détachée de Musanze ayant son siège à Musanze;

2° la chambre détachée de Nyanza ayant son siège à Nyanza;

3° la chambre détachée de Rwamagana ayant son siège à Rwamagana;

4° la chambre détachée de Rusizi ayant son siège à Rusizi;

5° la chambre détachée compétente pour les crimes à caractère international et transnational ayant son siège à Nyanza.

Article 89: Ressort de la Haute Cour et de ses chambres détachées

Le ressort du siège de la Haute Cour correspond au ressort des Tribunaux de

Nyarugenge, urwa Gasabo n'urwa Gicumbi.

Ifasi y'Urugereko rukorera Musanze ingana n'ifasi y'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze n'urwa Rubavu;

Ifasi y'Urugereko rukorera i Nyanza ingana n'ifasi y'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, urwa Huye n'urwa Nyamagabe;

Ifasi y'Urugereko rukorera i Rwamagana ingana n'ifasi y'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma n'urwa Nyagatare;

Ifasi y'Urugereko rukorera Rusizi ingana n'ifasi y'Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi n'urwa Karongi;

Ifasi y'Urugereko ruburanisha ibyaha byo ku rwego mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi ni Igihugu cyose.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ashobora gushyiraho mu Rukiko Rukuru izindi ngereko bibaye ngombwa bimaze kwemezwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Intermediate Courts of Nyarugenge, Gasabo and Gicumbi;

The territorial jurisdiction of the chamber whose seat is at Musanze covers the territorial jurisdiction of the Intermediate Courts of Musanze and Rubavu;

The territorial jurisdiction of the chamber whose seat is in Nyanza covers the jurisdiction of the Intermediate Courts of Muhanga, Huye and Nyamagabe;

The territorial jurisdiction of the chamber whose seat is in Rwamagana covers the territorial jurisdiction of the Intermediate Courts of Ngoma and Nyagatare;

The territorial jurisdiction of the chamber whose seat is in Rusizi covers the territorial jurisdiction of the Intermediate Courts of Rusizi and Karongi;

The territorial jurisdiction of the chamber which has jurisdiction over international and transnational crimes covers the entire national territory.

The President of the Supreme Court may designate other chambers in the High Court if considered necessary, upon approval by the High Council of the Judiciary.

Grande Instance de Nyarugenge, de Gasabo et de Gicumbi;

Le ressort de la chambre détachée basée à Musanze correspond au ressort des Tribunaux de Grande Instance de Musanze et de Rubavu;

Le ressort de la chambre détachée basée à Nyanza correspond au ressort des Tribunaux de Grande Instance de Muhanga, de Huye et de Nyamagabe;

Le ressort de la chambre détachée basée à Rwamagana correspond au ressort des Tribunaux de Grande Instance de Ngoma et de Nyagatare;

Le ressort de la chambre détachée basée à Rusizi correspond au ressort du Tribunal de Grande Instance de Rusizi et de Karongi;

Le ressort de la chambre détachée compétente pour les crimes à caractère international et transnational correspond à toute l'étendue du territoire national.

Le Président de la Cour Suprême peut, en cas de besoin, désigner d'autres chambres détachées dans la Haute Cour, après approbation du Haut Conseil de la Magistrature.

Icyiciro cya 4: Urukiko rw'Ubujurire

Ingingo ya 90: Icyicaro n'ifasi by'Urukiko rw'Ubujurire

Urukiko rw'Ubujurire rufite icyicaro mu Mujyi wa Kigali. Ifasi yarwo ni Igihugu cyose.

Icyiciro cya 5: Urukiko rw'Ikirenga

Ingingo ya 91: Icyicaro n'ifasi by'Urukiko rw'Ikirenga

Urukiko rw'Ikirenga rufite icyicaro mu Mujyi wa Kigali. Ifasi yarwo ni Igihugu cyose.

UMUTWE WA II: UBUBASHA BW'INKIKO ZIHARIYE

Icyiciro cya mbere: Inkiko z'Ubucuruzi

Ingingo ya 92: Icyicaro n'ifasi by'urukiko rw'Ubucuruzi n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi

Icyicaro cy'Urukiko rw'Ubucuruzi n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kiri mu Mujyi wa Kigali. Ifasi yazo ni Igihugu cyose.

Section 4: Court of Appeal

Article 90: Seat and territorial jurisdiction of the Court of Appeal

The Court of Appeal has its seat in the City of Kigali. Its territorial jurisdiction is the entire national territory.

Section 5: Supreme Court

Article 91: Seat and territorial jurisdiction of the Supreme Court

The Supreme Court has its seat in City of Kigali. Its territorial jurisdiction covers the entire national territory.

CHAPTER II: JURISDICTION OF SPECIALIZED COURTS

Section One: Commercial courts

Article 92: Seat and territorial jurisdiction of the Commercial Court and Commercial High Court

The Commercial Court and the Commercial High Court have their seats in the City of Kigali. Their territorial jurisdiction covers the entire national territory.

Section 4: Cour d'Appel

Article 90: Siège et ressort de la Cour d'Appel

La Cour d'Appel a son siège dans la Ville de Kigali. Son ressort correspond à toute l'étendue du territoire national.

Section 5: Cour Suprême

Article 91: Siège et ressort de la Cour Suprême

La Cour Suprême a son siège dans la Ville de Kigali. Son ressort correspond à toute l'étendue du territoire national.

CHAPITRE II: COMPÉTENCE DES JURIDICTIONS SPÉCIALISÉES

Section première: Juridictions commerciales

Article 92: Siège et ressort du Tribunal de commerce et de la Haute Cour de commerce

Le Tribunal de commerce et la Haute Cour de commerce ont leurs sièges dans la ville de Kigali. Leur ressort correspond à toute l'étendue du territoire national.

Icyiciro cya ka 2: Inkiko za gisirikare

Ingingo ya 93: Icyicaro n'ifasi by'Urukiko rwa Gisirikare n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare

Urukiko rwa Gisirikare n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare zifite icyicaro mu Mujyi wa Kigali. Ifasi yazo ni Igihugu cyose.

INTERURO YA V: UBUSOBEKERANE N'UBUREGEKE BW'IMANZA

Ingingo ya 94: Igisobanuro cy'ubusobekerane

Habaho imanza zisobekeranye, iyo imanza nyinshi, zifitanye isano ku buryo ikemurwa rya rumwe, rigira ingaruka ku rundi kandi ku buryo ziramutse ziciwe, rumwe ukwarwo, urundi ukwarwo, imikirize yazo ishobora kuvuguruzanya.

UMUTWE WA MBERE: UBUSOBEKERANE MU MANZA NSHINJABYAHA

Ingingo 95: Ubusobekerane bw'ibyaha

Habaho ubusobekerane bw'ibyaha iyo:

1° ibyaha bikorewe igihe kimwe n'ahantu hamwe;

2° habayeho mbere ubwumvikane

Section 2: Military courts

Article 93: Seat and territorial jurisdiction of the Military Court and Military High Court

The Military Court and Military High Court have their seat in the City of Kigali. Their territorial jurisdiction covers the entire national territory.

TITLE V: CONNEXITY AND LIS PENDENS

Article 94: Definition of connexity

Connexity occurs when many cases are linked to one another in a way that the decision in one case affects the other and if they are tried separately, they might be contradictory.

CHAPTER ONE: CONNEXITY IN CRIMINAL MATTERS

Article 95: Connexity of offences

Connexity of offences occurs when:

1° offences are committed at the same time and place;

2° there is prior consent with the same intent;

Section 2: Juridictions militaires

Article 93: Siège et ressort du Tribunal militaire et de la Haute Cour militaire

Le Tribunal militaire et la Haute Cour militaire ont leurs sièges dans la Ville de Kigali. Leur ressort correspond à toute l'étendue du territoire national.

TITRE V: CONNEXITÉ ET LITISPENDANCE

Article 94: Définition de connexité

On dit qu'il y a connexité lorsque plusieurs affaires ont une liaison de telle sorte que la décision sur l'une d'entre elles peut affecter l'autre et que les juger séparément peut engendrer une contradiction.

CHAPITRE PREMIER: CONNEXITÉ EN MATIÈRE PÉNALE

Article 95: Connexité des infractions

On dit qu'il y a connexité d'infractions lorsque:

1° les infractions sont commises en même temps et au même endroit;

2° il y a consentement préalable et une même

n'umugambi umwe;

3° hari ibyaha bifitanye isano ituma kimwe cyarateye ikindi;

4° umuntu abikiye uwakoze icyaha ibintu bifitanye isano n'icyaha.

Habaho ibyaha bitagira itandukanyirizo igihe:

1° icyaha ari kimwe ariko cyarakozwe n'abantu benshi;

2° umuntu umwe yarakoze ibyaha byinshi bihujwe n'umugambi umwe;

3° umuntu umwe yarakoze ibyaha byinshi kimwe kiba impamvu nkomezacyaha y'ikindi.

Ingingo 96: Imiburanishirize y'abakoze icyaha n'ibyitso byabo iyo hari ubusobekerane cyangwa kutagira itandukanyirizo mu manza

Mu gihe hari ubusobekerane cyangwa ukutagira itandukanyirizo mu manza, abafatanyije gukora icyaha n'ibyitso byabo baburanishwa mu rukiko rumwe, keretse mu gihe bidashoboka kandi bigaragajwe mu cyemezo cy'Urukiko.

3° there are linked offences in a way that one of them was the cause of another;

4° a person keeps for the offender items which have a connection with the offence.

Indivisibility of offences occurs when:

1° a single offence is committed by several persons;

2° one person commits several offences with the same intent;

3° one person commits several offences in a way that one of them constitutes the aggravating circumstance of the other.

Article 96: Criminal proceedings against perpetrators and their accomplices in case of connexity or indivisibility of offences

